

«KILIZIYA GATOLIKA IRAFASHA MU KUMVIKANISHA UBUBI BWA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU RWANDA ».

Myr Smaragde MBONYINTEGE

Mu kiganiro Myr Smaragde MBONYINTEGE, Umushumba wa Diyosezi ya Kabgayi akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, yatanze kuri Radio Maria Rwanda ku wa 6 tariki ya 11 Mata 2015 yibazze ku bibazo abantu bibaza nkana, bagoreka amateka cyangwa birengagiza ukuri iyo bavuga uruhare rwa Kiliziya mu mateka y'uRwanda yatugejeje kuri Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Myr Smaragde agaragaza uburyo Kiliziya Gatolika ari yo yabaye iya mbere mu kwamagana ubwicanyi bwaberaga mu Rwanda ivuga ko ari "Jenoside", isaba ko bwahagarikuwa kandi uwabugizemo uruhare wese agakurikiranwa n'Ubutabera. .

Musenyeri, kuri iyi ncuro ya 21 twibuka Jenoside yakorewe abatutsi, mutangire muha ihumure abayirokotse.

Urakoze nanje nishimiye aka kanya mumpaye ko kwifatanya n'abandi bose na Radio Maria Rwanda muri iki gihe cyo kwibuka abacu bazize Jenoside yakorewe abatutsi. Koko n'igihe cyo gufata mu mugongo abagishikamiwe n'amarorerwa ya Jenoside, noneho no gufatanya n'abandi kubaka ejo hazaza h'Abanyarwanda muri rusange, aho abantu bagenda bava mu bwoba bw'amarorerwa twabonye, bakajya mu cyerekezo cyo gufatanya twomora ibikomere kandi twubaka ejo hazaza ha buri wese.

Icyi mbere natangira mvuga muri iki gihe cyo kwibuka Jenoside yakorewe abatutsi, nubwo hashize imyaka 21, iyo cyageze ubona abantu bahindagurika mu mibereho no mu mibanire. Aho duteraniye abantu baravuga, bagasubira mu mateka. Ikigaragara ni uko kuyasubiramo birangwa cyane n'ububabare umuntu aba yarahuriyemo nayo, cyangwa se n'uko amarewe ubungubu. Kuvugisha ukuri biracyagora bamwe, kandi niyo harimo ukuri usanga amarangamutima yiganza kurusha imyumvire y'ukuri. Ndagira ngo mbwire abarokotse Jenoside yakorewe abatutsi, cyane cyane abashikamiwe n'ingaruka zayo, ko Kiliziya Gatolika ibari hafi, ibakunda, ibasabira. Kandi yifuza ko babonera imbaraga zo kubaho mu bandi bantu bashobora kubegera ngo babashe kubaka ejo habo hazaza. Buriya Jenoside

yakorewe abatutsi Kiliziya Gatolika iyibona nk'igikomere kinini, gishingiye ku kwica umuntu umuhoye ubwoko bwe Imana yamuhaye. Ibyo bikaba bibangamiye itegeko ry'ibanze, igikomere gikomeye gikomeretsa urukundo rwa mugenzi wawe kandi ari rwo shingiro ry'ubukristu. Ni yo mpamu rero Kiliziya Gatolika, umukristu wese, umuyobozi muri Kiliziya adashobora gufata Jenoside yakorewe abatutsi nk'ikintu watwara uko ubonye. Ubukangarane tubona mu gihe cyo kwibuka ni igipimo tureberamo ubukana bwayo, n'ububabare yasize inyuma yayo. Ariko hirya y'ubwo bukana hari Imana; hari impuhwe z'Imana itazatererana abazize Jenoside yakorewe abatutsi, ntitererane abayirokotse bari mu bubabare , ndetse ntinitaze abayikoze ihora ikomanga ku mitima yabo, ibararikira kwicuza no kwegerana n'abandi kugira ngo bafatanye kwomora ibikomere bya Jenoside, kandi twubake ighugu umunyarwanda wese yiyumvamo, yisangamo, mbese twubake wa Munyarwanda batwibutsa, utarebera mu ndorerwamo z'amoko, uwo Munyarwanda iyo ari n'umukristu, bituma anoga akabasha kubaka ighugu kibereye buri wese. Ndagira ngo rero muri iki gihe twunamire abacu bapfuye bazira Jenoside yakorewe abatutsi, dukomeze abayirokotse kandi twubake umuryango nyarwanda ushingiye k'ukuri n'ubutabera.

Ni iyi he myitwarire yaranze Kiliziya mu gihe cya Jenoside yakorewe abatutsi?

Imyitwarire ya Kiliziya mu gihe cya Jenoside ikunze kugarukwaho. Cyane mu gihe nk'iki cyo kwibuka, abantu bakabivugaho mu buryo bwinshi butandukanye, ndetse na ya marangamutima twavugaga akabyivangamo. Ibyo umuntu yumva mu Rwanda muri iki gihe kuri Jenoside yakorewe abatutsi, n'uruhare Kiliziya yabigizemo nsanga ari ibintu abantu bakwiye kuvugana ubushishozi. Ntitukabyirengagize, inzitizi izonga abashakashatsi bacu ku mateka y'u Rwanda ni ukuyagoreka, kandi kenshi bishingiye ku nyungu uyagoreka aba abitezemo. Ibyorero bikavamo amateka ashingira ku bivugwa aho gushingira ku byabaye, dore burya ko n'ibyabaye bigira uko bisobanurwa ukurikije igihe byabereyemo. Aha hari abatahazi cyangwa se abahirengagiza nkana. Aho kuyoborwa n'ukuri ukayoborwa n'amarangamutima cyangwa inyungu bwite. Ku bubabare umuntu afite cyangwa se yagize mu gihe cya Jenoside yakorewe abatutsi, ndetse na mbere y'aho cyane ku bibazo bijyanye n'irondakoko ryokamye amateka yacu, imyitwarire ya Kiliziya mu gihe cya Jenoside njyewe nyishingira ku ijambo Nyirubutungane Papa Yohani Pawulo II yavuze ku itariki ya 15/5/1994, yagize ati : “*Ibirimo kubera mu Rwanda ni Jenoside. Kandi ikibabaje ni uko n'abakristu bayifitemo uruhare... Kandi abo babifitemo uruhare bazabibazwa n'amateka, ariko cyane cyane bazabibazwa n'imbere y'Imana. Ndasaba nkomeje rero yuko buriya bwicanyi burimo kumena amaraso yinzira karengane bwahagarara*”(O.R.n°24-14 Juin 1994). Iryo ni ijambo ryavuzwe n'Umukuru wa Kiliziya mu gihe cya Jenoside yari irimbanije, arivugira ku karubanda. Ariko anasaba ko ubwo bwicanyi bwahagarara. Twagize amahirwe burahagarara, turashimira ababuhagaritse. Kiliziya mu Rwanda yari

yatewe, ntabwo yateye ahubwo yamburwaga abana bayo bayihungiyeho. Ikibabaje ni uko yabamburwaga nanone na bamwe mu bana bayo. Bene ibi ntiwashobora kubivuga ukundi, ni amateka yacu. Abashoboraga kuvuga baracecekeshejwe, abo yari yakiriye barabayambura. Twabonye umusaraba, inkongoro y'ububabare turayinywa kugeza ku ndunduro. Nyamara ku bemera twese umusaraba ukurikirwa n'Izuka. Jenoside yarahagaritswe, tubadukana n'abandi, muri uko kubaduka nyuma ya 94, nayo yarabadutse mu ba mbere ikusanya imbaraga zose yari isigaranye yiyambaza izindi Kiliziya zishobora kuyifasha nayo ifatanya n'abandi kubaka imitima yamenaguritse no gusana ibyangijwe. Ibyo ngibyo ni imyitwarire ya Kiliziya Gatolika udashobora gushidikanyaho, ni ibintu bigaragarira bose. Ubivuga ukundi sinzi aho aba ashaka kugana.

Ikindi nakongeraho na none ni uko umwaka ushize, ku itariki ya 7/4/2014, ubwo twibukaga ku nshuro ya makumyabiri Jenoside yakorewe abatutsi, twumvise ubutumwa bwa nyirubutungane Papa François bwaje butera mu rya Papa Yohani Pawulo II. Papa Yohani Pawulo II, nongere muvuge, ntabwo wakwumva imyitwarire yari itezwe kuri Kiliziya mu gihe cya Jenoside utumvisse Papa Yohani Pawulo II, ni n'amahirwe turabivuga ejo tuzakora icyumweru cy'Impuhwe, uyu mu Papa, hano iwacu mu Rwanda dufata nk'intumwa y'Impuhwe z'Imana n'inshuti y'u Rwanda, kuko mbere ya Jenoside yararusuye, mu gihe hakorwaga Jenoside yari adufite hafiye, niwe kugeza ubu dufitiye ubuhamya ko yagiraga isengesho ryihariye ryo gusabira u Rwanda ngo Jenoside irimo kuhabera ihagarare (Reba mu Gitabo “ Olivier le Gendre:Confession d'un Cardinal, éd.JC Lattès, Paris 2007, pp.189-190). Papa Fransisko nawe yongeye kwandika ashima intambwe yatewe n'Abanyarwanda mu rwego rwo kwiyunga, mu rwego rwo kwongera kwubaka imitima yashwanyaguritse. Yongeye kubivuga abishishikariza Kiliziya, iyo rero niyo imyitwarire yacu. Ntabwo nyobewe y'uko mu Rwanda, Jenoside yakorewe abatutsi yahabaye yendeye ku ivangurakoko, ku irondakoko, ibyo byose byakoze ku Banyarwanda benshi no muri Kiliziya yacu ntabwo byahabuze. Ariko umurongo ngenderwaho wa Kiliziya ni uwatanzwe na bariya ba Papa bombi kandi ni wo dukomeza gushyigikira no gushyira imbere. Gusa niba dushaka kugera ku bwiyunge bushingiye imizi ku kuri, dufate irondakoko n'ivangura nk'ingeso mbi zigomba kuvurwa no kwamaganwa aho zumviswe hose. Naho Jenoside yakorewe abatutsi tuyifate nk'amahano utapfa kugereka ku muntu wese kubera wenda imitekerereze ye inyuranye n'iyawe.

Bivugwa ko Kiliziya Gatolika yo mu Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi itashoboye gushyira ahagaragara abayoboke bayo bakoze Jenoside, ahubwo ikabakingira ikibaba. Mubivugaho iki?

Ku bantu bagize uruhare muri Jenoside yakorewe abatutsi ibi bintu twabivuzeho. Kandi nta gihe tutazabigarukaho igithe cyose bibaye ngombwa. Njyewe ikintangaza, niba ari ukoabantu batabyumvise neza, niba ari uko batabimenye, cyangwa se hari ubushake buke bwo kubyumva, ntabwo mbizi! Ariko kuri twebwe, nka Kiliziya Gatolika mu RWANDA, ntamananiza tubifitemo, umunsi Papa Yohani Pawulo wa II agira ati : “*mu Rwanda harimo kubera genoside mbabajwe nuko hari abakristu babifitemo uruhare kandi bazabibazwa n’amateka*”. Ikigaragara muri Kiliziya yacu hari ibintu bibiri numva tugomba gutandukanya : *Hari ugutandukanya uwakoze Jenoside ni ukuvuga uwishe cyangwa uwagiye mu bugambanyi bwo kwica. Barimo muri kiliziya, barimo mu bakristu bacu.* Noneho uzi ko gutohoza icyaha cya Jenoside yabereye mu Rwanda, yakorwaga n’Abanyarwanda ku bandi, bisaba ubumenyi bw’ubushinja cyaha, twifuza ko aribwo bwabikora, kandi habayeho gacaca twifuzaga ko umuntu yavuga ibyo yabonye mu bwicanyi n’ubugambanyi. Niba hari ibyo twiyamye twabonagamo amarangamutima n’ubushake bwo kwihorera kuwo mupfa ibindi bitari Jenoside, ibyo ntiwabyita gukingira ikibaba. Twubahiriza ubutabera. Ahubwo hari ubwunganizi duha ubugenzacyaha, dufite inshingano nka Kiliziya yo gusaba abakristu kwisuzuma ngo barebe ibyaha byabo. Jenoside yakorewe abatutsi iri mu byaha bikomeye cyane, twumva rero tugomba kubwira umutimanama wa buri wese, kuko burya ntujya upfukiranwa. Wabonye umuntu yica ntushobora kumuhibhira. Ariko gukeka ko umuntu yishe, duhitamo kubiharira ubishinjacyaha.

Ubucamanza bugomba gushyirwa mu bikorwa. Tuzakomeza kwigisha ko umuntu wari ufite uruhare muri Jenoside akwiye guca bugufi agasaba imbabazi akakira n’ingaruka zabyo. Ariko ntabwo ari twe tuzajyayo ngo tuje gushorera kanaka kubera ko yaketswe ngo tumujyane mu inkiko. Ntabwo biri mu mikorere ya Kiliziya. Ikindi kibazo rero gihari, nkeka ko ari na cyo bashingiraho bavuga ko Kiliziya ibakingira ikibaba, hari abakristu, ndetse barimo n’abihayimana, bari hanze, bagifite imyumbire itajyanye niyo twubaka mu rwego rw’ubwiyunge. Iyo myumbire biragoye kuyiregera. Nyamara mu Rwanda bashyizeho amategeko ahana ingenga-bitekerezo n’amacakubiri ashingiye ku moko. Kuri Kiliziya si ku bw’amategeko gusa, imyemerere yacu ibuza ivangura iryro ariryo ryose.

Kubera amateka maremare twaciymo nk’Abanyarwanda, dushingira ku ivangura, hari ubikora wa mutimanama we umwumvisha ko we ari mu ukuri, ariko twe twagera imbere y’amategeko yacu uko ameze ubu ngubu tugasanga ari uguhembera amacakubiri. Uwo rero arahanwa. Kuko tuzi aho ivangura ryatugejeje. Ntabwo ari ukuvuga ko Kiliziya igomba

kumutanga. Yo ihitamo guca kuri wa mutimanama n'indangakwemera zayo. Ntabwo Kiliziya yigeze ikingira ikibaba bene abo bantu iyo biri mu mategeko bikurikiza amategeko.

Nta gihe kinazagera ko abantu bose batekereza kimwe. Ariko udatekereje nkawe ntabwo uvuga ko ari umujenosideri (génocidaire) kuko adatekereza nkanjye. Ariko hariho imipaka ntarengwa; Igihe turimo kuvuga ubwiyunge, ntabwo wajya gushinyagurira uwarokotse cyangwa gupfobya Jenoside kandi tuzi ko ari igisare gikomeye dutwaye nk'umuryango nyarwanda.

Mu gihe cya Jenoside hari abantu bahungiye muri za Kiliziya, hari n'abapfiriye muri za kiliziya. Icyo kibazo mukibona mute ?

Urakoze kubaza iki kibazo, kuko hari benshi bayobya imyumvire y'Abanyarwanda. Sinzi niba ubivuga abiterwa n'ububabare yahagiriye, cyangwa se Jenoside yarabaye adahari. Ku bwanjye bihembera amacakubiri atari ngombwa. Kuvuga ko hari abantu baguye muri Kiliziya ku muntu wari mu Rwanda, nanje mbivugeho nk'uwari ubihagazeho. Ikigaragara batangiye guhiga abatutsi, bajyaga kuri komini bakabirukana, bajya mu nzira bakahasanga amabariyeri, bagera muri Kiliziya babakingurira bakinjira. Bariya bantu baje basanga Kiliziya, bayizeye, bayikunze, ari iyabo. Nayo yabakiriye nk'abana bayo. Kuvuga ngo abo bantu baraje ngo barahagwa kuko Kiliziya yari yabagambaniye ni ugufata icumu ukongera kuritera Kiliziya nk'iryo uwaje kubica yayiteye.

Kuba hari abantu benshi baguye mu Kiliziya hari igisubizo cyabyo. Biravugwa muri iki kihe. “*ngo Kiliziya yateguye Jenoside*”. Ese iyo Kiliziya yarikuba yateguye Jenoside abantu bakayihungiraho? Niba barayihungiyeyo ni uko babonaga ko izabakira. Ahantu nari ndi, haje abantu benshi, barakirwa; bahabwa icyo barya, bahabwa aho baryama. Ariko bazi neza ko interahamwe zibugarije hirya no hino. Ukabona barabakwicana umugenda, kandi uwo wakwitabaje ukabona niwe urimo kubica. Ubwabyo ni gisari gikomeye. Hari abapadiri benshi babiguyemo. Abatarabiguyemo barabirwaye. Uzi kubona bakwicana abihumbi by'inzirakarengane. Barabirwaye. Kuri Kiliziya, abo bantu baguye muri za kiliziya zacu tubafata nk'abana bacu, bariho. Kuko tuziko urupfu atarirwo rufite ijambo rya nyuma. Ziriya nzibutso zegereye kiliziya zacu, tuzifata nk'ahantu haruhukiye inzirakarengane. Turababara kuko bishwe, ariko turabakunda kuko baturi hafi. Ntabwo twibagirwa ikizere baje badufitiye tutabashije gusubiza, kuko nta mbaraga zabyo twari dufite. Icyo kizere kitwegeranya nabo.

Ikindi utagomba kutibagirwa ni uko hari n'abaharokokeye, ndetse benshi. Akensi ntibajya bibuka no kubivuga, ahubwo bibuka ububabare bahagiriye kurusha uburokoke bahagiriye. Bareba ubwinshi bw'abapfuye ariko bakibagirwa n'ubw'abarokotse. Ndakubwira ko nk'agasozzi ka Kabgayi kaguyeho abantu benshi, ariko n'abaharokokeye ni benshi.

Bahigwaga n'interehamwe, ariko bagira Imana zirebye hirya, bakaruhuka. Ntibarebuzwe n'abo bahungiyeho. Birababaje gufata ziriya nzibutso ziri hafi ya za kiliziya nk'abantu batanzwe na Kiliziya bari bahungiyeho, uwibeshye akabivuga yari akwiye kuzadusaba imbazi kugirango nawe agire amahoro ku mutima. Ntidoshobora kwibagirwa mu mateka ya Kiliziya ibayibayeho dufite ziriya nzibutso iruhande rwacu. Turabasabira tunazirikana ibyabayeho. Mboneyeho *n'akanya ko gushima abagize ubutwari, abahaguye babarwanaho, bagapfana nabo, abapadiri n'abakristu, n'ababahishe.* Iyi myitwarire ntabwo yigeze ibura muri Kiliziya. Mu burere bw'abana bacu tujye tubabwira ukuri ku byabaye niko bakeneye. Ariko ntakwitiranya ukuri n'amarangamutima wifitemo, cyangwa se ivangurakoko n'irondakoko ryakokamye utabishaka.

Hari abantu barokokeye muri za kiliziya, ndetse baharokokera bahababariye; uwahuye n'umukristu, ntiyamureba uko yarabyitez, ariko ntiyamwica, ntiyamubwira ijambo yari amutezeho. Noneho kubera ububabare, ugasanga uramufata nk'umwe mu bakwicaga. Ubwo bubabare nabwo tugomba kubwemera, kubwumva. Tugomba kuburwaza, ni amateka yacu, kuko kumenya uko wifata imbere y'umuntu ubabaye ni ningabire tugomba gusaba nk'abakristu.

Umuntu ubabaye uje akugana iyo atakubonye uko yari akwitez, agufata kimwe n'urimo kumuhiha, n'urimo kumwica. Ibyo bikomere rero birahari mu Kiliziya tugomba kugenda tubizirakana, tubishakira umuti ugendanye nabyo.

Kiliziya bayitiranya n'amakosa akorwa/yakozwe n'abayoboke bayo. Mubivuga ho iki?

Ni cyo kibazo tunagira iyo twinjira mu mateka ya Jenoside yakorewe abatutsi. Nicyo gituma ngaruka kenshi ku jambo rya Papa Jean Paul II , kuko rigaragaza ububabare bwa Kiliziya muri Jenoside yakorewe abatutsi. Niba ufite umuyoboke ariko uwo muyoboke afite ubuzima bwe gatozi, arigenga, afite kwishyira akizana, ufite ibyo umwigisha nawe akagira uko abitwara, uko abyumva, n'uko abishyira mu bikorwa. Iyo yakoze ibitari ibyo, ubundi aba yikuyemo, ntimuba mukiri kumwe.

Igihe bateguraga Jenoside, twagiye tumenye amakuru yuko abantu bajyagamo ari abakristu, bababwira uko bazica, babigisha. Ugaragaje ko atabishaka, baramvirukanaga, iyo batamwicaga. Aba bantu ntabwo tujya tubibuka, ngo tubone ubutwari bwabo. Kuba rero hari abantu baje mu Kiliziya, bayirimo bagakora Jenoside, bakayigiramo uruhare, bene abo Kiliziya ntiyabaryozwa, ntibabikoze nk'intumwa za Kiliziya, ahubwo barayigambaniye. Bagomba kubazwa ibyo bakoze ku giti cyabo. Naho Kiliziya yo barayikomerekeje; Nk'umubyeyi waragijwe impuhwe z'Imana yiteguye kubaha imbabazi baciye bugufi

bakazisaba. Ariko ibi ntibibangamira na rimwe ubutabera bugomba gukora umurimo wabwo.

Abo bantu bakoze Jenoside ari abakristu, bagambaniye abavandimwe babo, bagambanira Kiliziya. Uri umuyobozi wa bo uba uri mubo bagambaniye, ntabwo uba uri mu babafashije.

Muri Kiliziya, ndetse hamwe n'ayandi matorero, kuva taliki ya 8 kugera ku ya 11 Kamena 2014, twasuzumiye hamwe imyitwarire ya Kiliziya n'Amatorero ya gikristu muri Jenoside yakorewe abatutsi no mu mateka y'ivangura n'irondakoko yayibanjirije. Twasanze nta dini cyangwa itorero rya gikristu ryakwitirirwa Jenoside yakorewe abatutsi. Twese twemeye ko hari abayoboke bacu bagize uruhare muri Jenoside, ndetse no mu bayobozi, tunasaba ko bagomba kugurikiranwa n'ubutabera. Bene ibyo byitwa kwitandukanya n'umugizi wa nabi. Ibyo rero Kiliziya yarabikoze.

Twanavuze ariko ko mu mateka yaranze igihugu cyacu hatabaye ubushishozi buhagije mu guha umwanya ivangura n'irondakoko. Kandi twemera ko Jenoside yashobotse kubera irondakoko ryari ryahawe intebi mu Rwanda.

Kiliziya Gatolika kimwe n'ayandi matorero n'amadini twemera ko tugomba gusaba imbabazi, tuzisaba kubera abayoke bacu batitwaye neza. Kiliziya Gatolika yarabikoze mu isozwa rya sinodi yo 2000, yasesenguye cyane ikibazo cy'amoko n'ingaruka zacyo, ifata n'ingamba zo kubirwanya mu mibanire yacu nk'abakristu. Kandi twiteguye kuzongera kuzisaba kubera uburemere bw'icyaha cya Jenoside cyakozwe mu Rwanda.

Kuko nta na rimwe Kiliziya itazasaba imbabazi ku ruhare abakristu bayo bagize muri Jenoside yakorewe abatutsi. Ibyo si ukugira ngo uhindukire ushyire Kiliziya mu bateguye Jenoside bakanayishyira mu bikorwa. Abayiteguye turabazi, abayishyize mu bikorwa twarabibonye muri gacaca, igihe bayikoreye turakizi. Kimwe rero mu bituma uko gusaba imbabazi bidakorwa neza nuko hakiriho imyumvire yo kwitiranya uwakoze icyaha n'uwo bafitanye isano. Kuba icyaha ari gatozi ntibirinjira neza mu mico ya benshi. Ku buryo bigera n'aho mwene wabo w'uwakoze icyaha yiyumva mu nzika yo kwihorera. Ibi ni inzitizi y'ubwiyunge mu mateka nk'aya twabayemo.

Ikintu rero gikomeye nuko kuba hari abayirwanije ndetse bakahasiga ubuzima bwavo dushima nk'intwari, hakaba n'abayikoze tugaya, byonyine birahagije kwumvikanisha Kiliziya uko iteye muri kamere yayo. Icyo Kiliziya yemera ni uko umuntu cyangwa igihugu gitewe kitabara, ibyo irabyemera n'abakristu bakajyamo bagatabara igihugu. Ariko kuziza umuntu ubwoko bwe ntibishobora kwihanganiro. Binyuranye n'itegeko rikuru ry'Imana ngo "ntuzice mugenzi wawe". Guhiga ubwoko byo bikaba amahano kuri Kiliziya.

Nkaba ngira ngo mpumurize rwose Abakristu, cyane abarokotse Jenoside yakorewe abatutsi, ko Kiliziya yabo atari umujenosideri (génocidaire). ahubwo irwanya Jenoside. Kuri kamere yayo, ku nyigisho zayo ntabwo ishobora kwibeshya ngo ibe jenosideri Kuba twaragize abayikoze muri twebwe, ni amahano, ni akaga, ni igisare. Ni nacyo gituma igomba gusaba imbabazi kugira ngo abakristu bose bumve ko ibyabaye ari amahano.

Hari abavuga ko Abayobozi ba Kiliziya bagiye babana na Leta, ku buryo ibyategurwaga babibonaga !

Reka nkubwire njyewe kuva muri 59 nari nciye akenge. Ibyo ntabashije kubona n'amaso, narabyigishijwe cyangwa se nkabyisomera. Amateka twigaga harimo ivangura-koko, ko mu Banyarwanda hari Abahutu hari Abatutsi hari n'Abatwa. Ikibazo rero si ubwo bwoko kuko buriho, si abakoloni cyangwa abamisiyoneri babuzanye. Barabusenze. Ariko uburyo bakoresheje ubwo bwoko ni cyo kibazo. Nk'amateka y'Abanyarwanda, wabiryoza nde? Umwere ni uwuhe muri ibyo, ko nuwavukaga iyo atabaga uwigizwagayo yabaga uwigizayo abandi abishakamo inyungu ze bwite? Ibyagiye biba byitwaga gukosora amakosa y'ivangura. Ariko mukuyakosora bagakora ayandi, aho gutuma abantu bareshya mu uburenganzira bakabikosora basumbanya. Ni cyo bitaga kuringaniza kandi byabaye gusumbanya no kugira ngo wigizeyo abo mudahuje ubwoko.

Noneho kuvuga ngo umuntu yarabibonaga ko ari ugutegura Jenoside siko mbibona. Ariko ahubwo Jenoside yabishingiyeho, bituma ishoboka. Kuba byarakozwe, ni inabi tugomba kurwanya kandi ni byo turimo gukora. Ariko iyo ubigize Jenoside, mbanumva urimo gutandukira. Reka Jenoside tuyifate nk'ikintu kibi cyane kibabaje imbere y'Imana n'imbere y'Abanyarwanda muri rusange, ariko ibe ifite abantu bayikoze, amashyaka yayikoze akayitegura bakayishyira mu bikorwa, n'umuntu wayikoze agafasha n'abandi kuyikora, tubirekere abo ngabo. Kubera ko Abanyarwanda tuvangavanze mu moko, ugasanga nk'abavandimwe 2 bavukana, umwe yarakoze Jenoside, undi ntayikore, ndetse ugasanga umwe yarahishe abantu, undi yarabishe. None ubwo mwene nyina yishe, utarishe nawe ni umujenocideri (génocidaire)?! Ibyo ntabwo ari byo. *Icyo kintu cyo kuba abantu bataramenye gutandukanya, nacyo kiri mu bituvangira. Kudahora umuntu ibyo mwene nyina cyangwa se yakoze bikaba agatozi.* Icyo kintu ni nacyo gituma bariya bantu bavuga Kiliziya ibyo itakoze, kuko hari abayo babikoze.

Ibyo yakoze, Amateka yacu twahuye nayo, bakagombye kubivugaho iteka. Amateka y'u Rwanda na Kiliziya, yo mu gihe cya gikoloni, amateka yo kuri Repubulika ya 1, kuya 2 n'amateka yo muri iki gihe. Aho ni ahantu Kiliziya yabaye, ifite uko yagiye yitwaramo.

Amateka y'Ivangurakoko, ntabwo ari umwihariko w'Abanyarwanda. Biri mu mateka y'isi. Uburayi bwarayamenye, mu Rwanda twari dufite abahutu, abatutsi n'abatwa. Abakoloni

baje bashingira imitegekere yabo kuri iryo vangurakoko. Ahubwo ni aha ikibazo kiri. Kiriziya Gatolika nayo yarivuye aho ayo moko atandukana. Iraza ibyinjiramo. Aha ngaha ndabyemera ko yahabuze ubushishozi, nubwo hatabuzemo abantu bagenda bibinenga. Kandi ntabwo yabonaga ko iryo vangura rizabyara Jenoside. iyo ijya kubibona iba yarabirwanyije. Iringaniza mu mashuri ryabonye abarirwanya ku buryo bugaragara. Ahangaha nashimira nk'abantu nka Myr Yozefu Sibomana, Myr Aloyizi Bigirumwami n'abandi, ni abantu barwanyije ivangura mu mashuri kandi nabo bibagiraho ingaruka zitoroshye. Abandi ukuntu babikoraga kwari ukurwana k'uwinjiyemo muri rya ringaniza, ugakora ku buryo atazarengana, atazajugunyuwa. Ibyo aribyo byose ivangurakoko ryaratwinjiranye mu gihugu no muri Kiliziy, twagiye tugira inkomere zaryo. Ariko twagize n'abariwanya, n'ubu tubona ko uwashaka guhashya ivangura yaritandukanya na Jenoside nk'igikorwa-mahano, naho ivangura tukarirwanya nk'amateka mabi n'ubwo ntirengagiza ko Jenoside yashobotse kubera ivangura ryatwinjiyemo nk'Abanyarwanda.

Umuti wo kuvura bene iyo mikorerere simbibona mu kubivanga na Jenoside. Aha turavuga nka Myr Classe wahaye umwanya w'ibanze abatutsi, ukabona mu butegetsi harimo inshuti ze, Myr Peraudin waje ashaka gukosora ayo makosa, ajya ku ruhande rw'abahutu; Myr Visenti wabanye na Habyarimana. Ibyo bintu twabibayemo. Ariko simbafata nk'abajenosideri (génocidaires), mumbabarire. Ndabafata nk'abantu bafite ibyo bakoreye Kiliziy, ariko baguye mu mutego w'amateka y'igihe cyabo. Ibyo batashoboye tugomba kubikosora. Ariko nta burenganzira dufite bwo kubacira urw'iteka. Reka tubirekere Imana. Kwirirwa rero tubagarura ngo nibo baduteje Jenoside, ntabwo ari byo. Nitwemere imbaraga nke bagaragaje mu byereke ivangurakoko ryabaye mu Rwanda, tubikosore, kandi birashoboka.

Tugarutse ku Mateka, iyo bivugwa ko abamisiyoneri n'abakoloni baba baragize uruhare mu gutegura Jenoside, umuntu yakwibaza aho bari bahuriye, niba baraje bafite ubutumwa bumwe.

Kuri icyo kibazo cy'abamisiyoneri n'abakoloni k'ubwanje ni abantu batandukanye, bafite ubutumwa butandukanye. Ariko abakoloni baza, nta nubwo ari mu Rwanda gusa byagenze gutyo, no muri Amerika mu kinyejana cya 15, iyo abakoloni bazaga gufata igihugu, hari abamisiyoneri bagenda babakurikiye. Kuba barazaga baturutse mu gihugu kimwe hari ibintu bumvikanagaho: imico, ururimi, imikorere,... Ibyo bintu byarajyanaga. Ariko ubutumwa bw'umukoloni n'ubw'umimisiyoneri biratandukanye. Umukoloni yakoraga ahahira igihugu cye. Umumisiyoneri yakoraga yubaka Kiliziy kandi yumva izahaguma. Iryo tandukaniro kuryirengagiza cyane mu Rwanda rwacu kwaba ari ukogoreka amateka kubushake. Kuko iyo tujya kugira abakoloni mu Rwanda ntitugire abamisiyoneri tuba twarasiganje iki? Ntabwo nkibona. Kuko abamisiyoneri twagize mu Rwanda bubatse amashuri, bubaka

amavuriro bagira n'uruhare rukomeye mu bikorwa by'iterambera. Ibyo bintu byagiye byambukiranya ingoma ya gikoloni, Rebupulika ya 1, Repubulika ya 2, n'ubu biracyariho muri iki gihe kandi turacyakomeza kubiteza imbere.

Kuba barazaga bafite uruhu rumwe basa, ntago bivuga ko bari bafite ubutumwa bumwe, ndetse nikigaragara hagiye hababo ukutumvikana hagati y'abakoloni n'abamisiyoneri. Icyo nibuka ni nk'kibazo cy'amashuri. Igihe mu Bubirigi, ubutegetsi bwari buhindutse bubaye ubw'aba-socialistes; Abasolistes ntabwo bakundaga Kiliziya barayiziraga. Ariko habaye imbarga zikomeye kugira ngo Leta y'Ububiligi yemere gukomeze gushyigikira ibikorwa abamisiyoneri bakoraga mu Rwanda. Ariko byagezaho birakunda kuko nabo babuze ukundi babigenza. Ariko ubutumwa bw'umumisiyoneri n'ubw'umukoroni, n'ubwo bakorera abantu bamwe, n'ubwo baturukaga hamwe, bavuga ururimi rumwe, ubutumwa bwabo buratandukanye.

Imikoranire ya Kiliziya n'Abategetsi ba Politiki.

Mu gihugu cyacu habayeho ubukoloni, haba Repubulika ya 1, haba Repubulika ya 2. Ubu turi mu yindi Repubulika irimo guhindura imyumvire n'imikorere ikosora ayo makosa yagiye aba mu mateka y'uRwanda. Kiliziya Gatolika ikorana ite n'abategetsi ba Politiki? Yakoranye ite nabo? Gahunda ya Kiliziya yo gukorana na Leta, ntabwo ari ibintu biri mu nshingano z'igihugu nk'uRwanda gusa. Ni uburyo Kiliziya ikora kw'isi hose. Kiliziya ifite ubuyobozi i Roma, hari amabwiriza rero yo gukorana na za Leta ziriho, ntabwo Kiliziya ihangana na Leta. Nk'uko itahanganye n'ubukoloni, ntihangane na Repubulika ya 1, ntihangane na Repubulika ya 2, nta nubwo inahangana n'ubutegetsi bw'ubungubu. Ahubwo iteka ihora ishaka icyo bakorana ku nyungu z'abaturage. Noneho ugasanga abantu bashaka ko Kiliziya yahangana. Kandi buri gihe iyo Kiliziya ihanganye irasenyuka. Ariko Kiliziya icyo igomba kurema ni umutimanama wa buri wese no guharanira inyungu rusange. Ni naho cyane cyane wenda habaye imbaraga nke abantu bagomba kuduhora, kandi umuntu arabumva. Bavuga bati ko mwigisha ivanjiri kuki Jenoside yabaye ntimuyihagarike? Ntabwo washoboraga kuyihagarika kuko iyo ubutegetsi bwabaye igitugu, kandi bugakoresha intwaro, iyo ubugiye imbere burakurasa. Nicyo gituma dufite abamaritiri muri Kiliziya. Ariko gukorana na Leta ugamije inyungu z'abaturage urimo hagati, icyo kintu ni ingenzi.

Ububabare uwarokotse Jenoside afite bwo kuba Kiliziya itaramugobotse mu kaga yarimo, nibyo koko Kiliziya ntiyabonetse. Ariko se yo yarihe ? Nayo ubwayo yarapfaga, yarapfaga mu bicwaga, ikanapfa mu bicaga. Indangagaciro za Kiliziya zo kubaha mugenzi wawe, zo kubaha ubuzima bwe zari zasenywe. Iyo umuntu aza akicira imbere yawe abantu ibihumbi birenga 3, ibihumbi 10, urumva imbaraga uba usigaranye ari izihe? Aba yakwishe

yakuzonze. Aho twarahaguye. Ni nayo mpamvu nyuma yaho Kiliziya yumvise inshingano zayo, iba iya mbere mu kugira uruhare mu kubaka iki gihugu. Iyo ni inshingano yacu, ndetse ni n'icyomoro cy'ibyo bikomere twatewe na Jenoside yakorerewe abatutsi; Ni ukwegeranya Abanyarwanda, guhuza Abanayarwanda, kubanisha Abanyarwanda, tukumva buri munyarwanda mu bubare bwe, tukamufasha kwiyubaka no kubaka igihugu umunyarwanda yiyumvamo. Ibyo rero bidusaba gufatanya na Leta, uyitaruye ntabwo washobora kubikora wenyine. Ni cyo yagerageje gukora ku gihe cy'ubukoroni, kuri Repubulika 1, kuri Repubulika ya 2, ariko byarayicitse. Yagize” échec”. Iyi “échec” mfite uko nyisobanura nk’umukristu. Ni ya Yezu ku musaraba. Yigishije urukundo, bamumanika ku musaraba. Hari indirimbo tujya turirimba ku wagatanu mutagatifu, ni byiza ko tunayiririmba mu gihe cy'icyunamo :” Muryango wanjiye nagutwaye iki? icyo naguhemukiye ho ni ikihe? Ni iki ntakoze kubera wowe (Impropères). Iyo ndirimbo urayizi. “Jyewe naguhaye manu mu ijyango, wowe wamfunduriye siki...”

Ntabwo dushobora kwirengagiza ko Kiliziya Gatolika mu Rwanda umunsi yumvise neza umusaraba yaciymo muri Jenoside, izakuramo imbaraga ziyifasha kubaka uRwanda no gufasha Abanyarwnada kwiyubaka kuko hariya twahigiye byinshi bizadufasha noneho kumenya uko twakosora amateka yacu yagoretswe.

Ubutumwa bwo kwubika ku ncuro ya 21 bugira buti : «Twibuke duhangana n’ihakana n’ipfobya rya Jenoside». Kiliziya ihagaze mu ruhe ruhande? Iri gukora iki muri urwo rwego?

Icyo kibazo kirakunze kuvugwa : *guhakana no gupfobya Jenoside*. Kiliziya Gatolika ntiyigeze ihanaka cyangwa se ngo ipfobye Jenoside. N’ikimenyimenyi, ni uko iryo Jambo uwarivuze bwa mbere ku Rwanda, ari umukuru wa Kiliziya Gatolika agira ati “Ibiri kubera mu Rwanda ni Jenoside” ! Sinzi igituma ibi bitajya byumvikana bihajije. “Ndasaba ko ubwo bwicanyi bwahagara, kandi ko ababugizemo uruhare bagakurikiranwa n’ubutabera”. Ibyo ubwabyo nta mukristu ushobora kutabyiyumvamo nk’ibimureba. Ni yo mpamvu Kiliziya Gatolika iyo ibonye upfobya Jenoside cyangwa uyihakana, ntimwiyyumvamo, ntimwibonamo. Icyiza ni uko hari amategeko abihanira. Ubwo rero ni uburyo bwo kubireba uhagaze imbere yabyo. Icyo Kiliziya Gatolika ikora kugira iryo pfobya n’ihakana byekubaho, cyane cyane ni uruhare yagize muri gacaca. Gacaca ni kimwe mu bintu byatubije ihakana n’ifopfobya rya Jenoside. Yatumye Abanyarwanda bicara hamwe, bavuga Jenoside, barayigaragaza, bagaragaza n’abayikoze. *Kiliziya irafasha mu kumvikanisha ubukana bwa Jenoside* no kurwanya ingaruka zayo. Biri mu nshingano zayo nka Kiliziya. Kandi nkumva ari nkunga dutera, dufatanya n’abandi kubaka igihugu cyacu.

Urugendo rw'ubwiyunge.

Kuva Jenoside yahagarara, nyuma y'imyaka 21, hari urugendo rukomeye twagenze. Ariko turacyafite inkomere, turazifite mu Kilizya , zirahari mu yandi matorero. Ndetse no mu magereza.Turazirwaza, tukazisindagiza. Hariho rero abakoze intera yihuse mu nzira y'ubwiyunge. Ari nabo batuma ubuzima bushoboka, no kugira icyo twubaka cyiza bigashoboka. Hari abandi baza buhoro, bakeneye igihe. Koko ingeso z'amacakubiri, inzangano zishingiye ku moko hari abo zikiboshye. Hari n'ubirimo atabyemera akavuga ko ari abandi babimutera cyangwa ko ari abandi babikoze. Yaba umuhutu yaba umututsi, turabifite mu Rwanda, urabibona. Hari ababyifitemo, umutimanama ukabakomanga, bikamutera isoni. Kuri uwo ufite isoni ni byiza, uwo arafashwa mu kwiyubaka cyane cyane iyo ahuye n'abandi bafite imyumbire myiza, arakira. Ariko noneho ntiyahakana ko hatakiriho mu Rwanda abatakara inyuma babuze imbaraga zo kubaduka kubera wenda ibikomere basigiwe na Jenoside, basigiwe n'ingaruka zayo, cyangwa se kuba yarokamwe n'irondakoko yarerewemo, atarabasha kwibohora. Hari n'ugera aho ubuhezanguni bugatuma akora amabi imbere y'abandi, mu mvugo cyangwa se mu ngiro. Ni yo mpamvu urugendo rw'ubwiyunge rugikomeza mu ngeri zitandukanye ziriho.

Musobanura gute ko nyuma y'imyaka 94 abamisiyoneri ba mbere bageze mu Rwanda (i Save), Abanyarwanda bigishwa Ivangiji (ibabuza kwica), twabonye ubwicanyi bw'indengakamere nka Jenoside yakorewe abatutsi twabonye mu Rwanda, mu 1994? Ni ikihe cyerekezo cy'iyogezabutumwa rivuguruye, kugira ngo twizereko tutazongera kubona ubwicanyi nk'ubwo?

Ntabwo ari uko wagiye hariya imbere y'abantu ukigisha Inkuru Nziza ko ariko abantu bahinduka. Iyo biba ibyo tuba twararangije, tukaruhuka. Guhinduka ni impano, ni ingabire. Ariko igomba uyakira. Iyo wigisha umuntu agenda yakira bitewe n'imbaraga z'umutima we. Hari uyakira akayinjiramo wese, agahinduka, hari uyakira agahagama akagira ibyo yigumishamo. Abantu bose si nka Pawulo w'i Tarisi ku muhanda w'i Damasiko (Intu 9,3-9). Mu Ivanjiri harimo umugani w'umubibyi w'ingano (Mt 13,3-9), wateye ingano zimwe zikagwa mu mahwa, izindi zikagwa murusekabuye, izindi zikagwa mu gitaka cyiza. Iyo ni Ivanjiri. Ese uziko iyo Vanjiri uvuga twari tumaze imyaka 94 twigishwa hari abamaze imyaka 2000 bayigishwa ariko bayitaye, bayivuyeho kubera ibindi bibbarangaza! Twebe iyo twigisha Ivanjiri. Nk'umusaserodoti, iyo ntanga penetensiya ntangazwa n'ibintu 2: imbaraga z'icyaha kiba mu bantu, ngatangazwa n'impuhwe z'Imana zibakurikirana. Sindabasha kubyumva neza ariko Imana izabimfashamo. Ariko impuhwe z'Imana zirantagaza ukuntu zikurikirana umuntu. Noneho ukagezaho ubona ko utari mubi cyane mu bakristu, ari uzi icyaha yakoze, akamenya impuhwe z'Imana, agasaba imbabazi. Uwo aba atunganye. Ariko imbaraga z'icyaha zirahari. Iyo urangaye gato, kiragutwara

kikakwigarurira, kikakugira imbata yacyo. Ingoyi y'icyaha iracyari mu isi, yagose abantu benshi n'abakristu barimo. Ahubwo urusha abandi ubukristu ni uwinjiye munzira yo guharanira ubutungane, atizigamye. Biradusaba urugendo rwo kwemera ugahinduka. Inkuru Nziza ntibura gushinga imizi ihereye kubayemera. Naho ibyo kwemera ugahinduka si ibintu ushobora kuba wapima, ngo werekane aho bigeze, hari aho bigera bigahinduka ibanga ry'Imana n'umuntu ku giti cye, twebwe tugasigara twumiwe cyangwa dutangagazwa n'iby'Imana ikora hejuru y'ibyaha dufite mu bantu. Nicyo gisubizo naguha. Ntuzatege rero ngo ni uko ari umubare w'imyaka, ngo uhere ku myaka iyi n'iyi ngo abantu bazaba bumvise. Iyo mbona kenshi abantu babitubwira, cyangwa ngo *genda ubwire abakristu bawe, ibi bintu kuko bakumva, baje ku bwabo, kuki ubibabwiye batabikora?* Nta gihano ufite wabahanisha. Uramubwira. Umuntu ni uko Imana yamuremye. Ariko nawe afite uko yirema. Uko yirema n'uko Imana imurema ni byo bimugira umukristu nyawe, cyangwa umukristu gito.

Ubwicanyi uzababusanga mu bantu bose, hariho n'abica mu izina ry'Imana. Hari n'abakoze Jenoside babyitirira Imana, ibyo byarabaye. Umuntu ni ikintu kigoye. Ariko Kiliziya yigisha igomba gushaka iteka uburyo ijya ku ruhande rwa Kristu. "NKUKO KRISTU YABIGENJE" niyo yari insanganyamatsiko yacu kuri Pasika. Umukristu nyawe ni ugendera kuri Kristu ngo amenye uko atwara ubukristu bwe, iyo wamwitaje, ukigirayo buragupfana; Iyo wamwegereye ukamusatira burushaho gutungana. Ni cyo tugomba gufasha abakristu buri gihe, nta kurambirwa. Ntabwo tubara imyaka rero. Hari ubigeraho mugihe gito, ku bw'ingabire z'Imana, hari n'upfa agishakisha, akirindagira. Ariko Imana mu mpuhwe zayo ifite uko ibigira. Hari umugabo w'igisambo yakijije ku musaraba. Kubera iki? Ati : " Jyewe n'ibyaha byanje nakoze nkaba mbambanywe n'intungane. Mana yanje nugera mu bwami bwawe uzandokore". Yezu ati :"Turajyana uyu munsi"(Lk22,42-43). Urumva ko yamenye no kwiba ijuru! Ni cyo gituma nta we tugomba gucira urubanza. Ariko amategeko yo agomba kuruca. Kuko bakora kimuntu bakorera abantu.

Mugire ubutuma muha abakristu bateye umugongo Kirizya kuko baje kuyishakiramo ubuhungiro bakaburura mu gihe cya Jenoside, mubijyanisha n'ababyitwaza bagashinga amatotorero yabo.

Icyo nabwira abantu bakomerekejwe na Kiliziya ni nabo tugomba gusaba imbabazi. Ni uko batafata Kiliziya nk'umugambanyi. Naho yaba agambaniwe n'umukristu ariko amenye ko uwo mukristu atariwe sura ya Kiliziya. Ahubwo ni n'umugambanyi wa Kiliziya. Ntabwo rero umugambanyi yaguca ku kintu cyiza kuko nawe ntacyo aba agifite. Niba wemera ko Inkuru Nziza ya Kristu wahawé, ukemera ko nawe yagiye ku musaraba azize ndetse abo yashakaga gukiza, niba uri umukristu nyawe ntiwigakwiye gucibwa integre nuwo wakugiriye gutyo. Ariko ibikomere bya Jenoside tuzi ibyo ari byo, turabibona. Ndabyibuka,

muri 94 mu kwezi kwa 9, tumaze gusubira mu matongo yacu, twagiye kuvuga misa, nza gusanga umukristu hanze yivovota. Ndamubaza nti ikibazo cyawe ni ikihe? Ati : "Mbabajwe nuko mugisoma misa nka cyera. Mwagombye kuduha indi misa nshya". Ntabwo nagombaga kumusubiza. Icyo nagomba gukora ni ukumva ububabare bwe. Hari n'abakristu bagifite ibikomere, batwaye igihe kirekire. Abo nabizeza ko Kiliziya mbabwira ni ya Yezu Kristu, ntabwo ariyo mujenosideri, ntabwo ari iyufite ingengabitekerezo. Yezu ntangenga bitekerezo yigiramo. Niba ifitwe na mugenzi wawe ntikagutandukanye na Yezu ahubwo imukwegereza, nawe umusabire.

Ikindi, abitwaza amarorerwa ya Jenoside twabayemo n'ingaruka zayo, bashaka gusenya Kiliziya, bene ibyo ngibyo, ubikora gutyo ashaka ukubaka itorero rye, ntabwo aba aryubaka, ahubwo aba arisesnya. Ntabwo ushobora kubaka ubukristu usenya ubw'abandi, ahubwo wakubaka ubwawe, wubaha ubw'abandi. Umukristu nyawe yubaha abandi. Ntabwo rero ari mpamvu yo gutandukana na Kiliziya umubyeyi wawe, naho yaba ifite amakosa, wakora nka ba bahungu ba Nowa(Intg 9,23), ahubwo uragenda ugatwikira bwa bwambu, ugafata icyiza kiri hirya ye, ugamije gutunganya ibyo we atashoboye gutunganya. Uwo muntu waguhahamuye ari muri Kiliziya, ntabwo ari we Kiliziya, Kiliziya iri hirya ye, iramusumba, ni urugo rwawe, ni aho wisanga ukisanzura. Uwo rero ntabwo yagukumira, ngo akubuze kugera kuri Yezu, ahubwo umuca iruhande ugakomeza, ndetse wagerayo ukamurembuza, ukamubwire uti ngwino nkwereke uko Yezu asa, uko avuga. Wegukomeza kuvuga ibitantamaka. Waba wikijje ugakiza na mugenzi wawe. Kandi hari aba bikoze, babikora neza, nabo dushimira.

Mugire inama abateze amatwi iki kiganiro mu rugendo rwo kwiyunga, yaba abarakotse Jenoside n'abayigizemo uruhare!

Mu isengesho navuze dukingura icyumweru cy'icyunamo, mu by'ukuri ni cyo naringamije. Buriya Jenoside yatwigishije byinshi, yadufunguye amaso nka Kiliziya ku buryo bwihariye, n'Abanyarwanda muri rusange. Icyo twashaka kubaka cyiza twagishobora. Kuko twabonye ububi bwo kwica ubwoko, kuko uwishe ubwoko aba akoze ku Mana, kandi amaraso y'uwo wishe burya aragutarukira. Waba umukristu, utaba we, Jenoside ni amahano, igira ingaruka mbi. Kandi ingaruka zayo ntabwo zigwa kuwo wayikorewe gusa, zinagwa nabi n'awayiteguye, kuko zimutandukanya n'Imana, zikamatandukanya n'igihugu cye. Nawe ntaba akiyunze muri we. Ikindi tugomba gukora rero, ubwo tuzi uburemere bwayo, kandi mbona mu Rwanda byaratangiye kandi bishyirwamo imbaraga nyinsi, ni ukubaka uburyo butandukanye, kandi bwuzuzanya, byose biboneza ku bumwe no ku bwiyunge, tutibagiwe iterambere, dore ko naryo ari umuti w'ubwiyunge. Kuba abantu bagihahamuka mu gihe cyo kwibuka, ntabwo aba ari ngaruka za Jenoside gusa, harimo no kuba yabuze uko yigira, kutabona uwo bavugana umugeze ku nzoka, cyangwa no kubona ukomeza ku mubyiga

amwibutsa ububabare yagize. Ugasanga abantu tugomba kumva uko twitwara imbere y'ibikomere bitandukanye abantu bagize muri Jenoside, cyane cyane mu rubyiruko, abana batamenye Jenoside, ariko bakuriye mu ngaruka zayo. Burya hari ubwo bababara kurusha twebwe abayibonye. Kuko bayumva, ndetse ugasanga bakangaranye, bakagira uwoba bagahahamuka, bitewe n'uko bayumva bayibabwira. Cyangwa yaba agize icyo abura, yabuze akazi, yabuze amashuri, akumva ko ari Jenoside yabimuteye. Ibyo ni bintu tugomba kumenya kugira tubashe kubaho no kubana neza n'abantu turimo. **Tugomba kuba ingoboka zitandukanye, zerekeje hamwe, zo gufasha Abanyarwanda kubaho no kubana.** Iyo rero ni nshingano y'umunyarwanda wese. Ndetse na *Ndumunyarwanda* dukunze kuvuga, dukunze kugarukaho, na Ndi *Umukristu* Jyewe njyanira hamwe, numva imbuto yakwera ni uguha izo nzego zitandukanye kubasha kubaka ejo heza, n'ubwo hataburamo ibibazo kuko nta gihe bizabura igithe hari abantu, ariko iyo abantu bumvikana banjyanye neza, kandi bafite amahoro ku mutima, kuko ahari amahoro n'agahu k'urukwatu kisasira ba- tanu nk'uko Abanyarwanda babivugaga. Iki ngenzi ni uko haba harimo umutima utunganye kandi ushaka gufatanya na mugenzi wawe. Ntufatanye n'ubwoko ahubwo n'ubunyarwanda, ufatanye n'ubukristu muri kumwe. Icyo ni cyo Kiliziya ishyize imbere, yimakaza kandi nizerekko tugifatanyije n'Abanyarwanda benshi.

Mugire icyo mubwira Abanyarwanda, bavugako nyuma ya Jenoside, Kiliziya isinziriye ku karengane gakorerwa abantu (nka bourses z'abanyeshuri, mutuelle de Santé, ...) ndetse mu bihuze n'ubutumwa bwa BIKIRA MARIYA i Kibeho bwasabaga muri make kwisubiraho.

Hari ibintu mugomba kumenya **cyane mwe nk'abanyamakuru**, murabibona buri Munyarwanda, avuga kandi abona ibintu akurikije ububabare atwaye ku mutima. Ibyo rero bishobora kuba kwironda nabyo: nko kubona ibywae ntubone ibya bandi. Nko kuvuga ngo ibibazo by'Abanyarwanda Kiliziya irasinziriye ntibibona. Uruhare rwa Kiliziya mu burezi ruragaragara kandi uburezi ni irembo ry'Iyobokamana, ry'Inkuru Nziza. Ntabwo ari kumuha inyigisho ya gatigisimu cyangwa inyigisho ya "morale" agomba gukurikiza. Oya ahubwo kumenya kubana no kubaho. Ibintu muntu yiga byose ni ho bishingiye. Ntabwo rero aho ngaho Kiliziya isinziriye, ahubwo irakora nubwo tuzi ko igomba gukomeza ikarushaho. Uvuga ko isinziriye, ni byo, afite ibibazo. Ariko ntabwo ishobora kwita ku kibazo cya buri muntu gusa, ireba n'ibibazo rusange. Hari nk'ibintu Leta yagiye ikora, bikaza bidashimisha rubanda. Kubivuga si ukujya ku karubanda, ubibwiye uwo bireba akabikosora, uba ukoze neza. Hari ho bintu biza, cyane mu bikorwa by'iterambere, nk'ibyemezo Leta ifata, umushinga ukaza utagira ingaruka zako kanya, bakawikanga, ariko ugasanga umuturage agomba gusabanurirwa neza. Iyo adasobanuriwe neza abyita akarengane. Iyo yihanganye akareba ingaruka zabyo, arabyumva. Aho rero niho dukunze

kugonganira cyane n'abantu bavuga ngo Kiliziya ntivuga. Irareba, igashishoza, ntivunda. Icyo nyifuriza ni ugusenga cyane kuko byatuma ibona kandi ikumva byinshi neza.

Imyigishirize y'ivanjili igomba kurenga uko iri ubungubu.

Mu ibaruwa dufite ubungubu Papa yanditse ejo bundi “Ibyishimo by’ivanjili”(EVANGILII GAUDIUM), yamaze guhindurwa mu Kinyarwanda, mu gihe kiri imbere igiye gusohoka yararangije; irimo imyigishirize mishya y’Ivanjili. Ikintu cya mbere ishingiyeho ni uko *kwigisha Ivanjili atari ukujya mu isoko ngo uyisakuze, ahubwo kujya mu ruhando rw’ubuzima, ukayibamo umunsi k’uwundi nayo ikakubamo.* Amatwara y’Ivanjiri akakuranga mu by’ubamo byose, imikorere yawe, ikiganiro cyawe, mu myumvire yawe, mu mibanire yawe n’abandi, mu mibanire yawe n’Imana bigahinduka bishya, imyigishirize mishya y’Ivanjili ni ubuhamya. Nibyo Yezu yabwiye intumwa ze ati “ nimugende muzambere abahamya”.

Kumubera abahamya ni ukujya hariya muri rubanda, bakababona, bagakurikiza Ivanjili byaba ngombwa bakayipfira. Sinzi ko Abanyarwanda aho twari twahumva cyane ko umuntu agomba kuba umukristu kugeza n’aho yamfira Ivanjii. Iyo wabyumvishije uba wageze ku ntera ishimishije y’Iyobokamana. Kubona Abanyarwanda babana uko babana uku, nyuma ya marorerwa ya Jenoside twamenye, ndahamya ko ako gatima k’ubukristu katurimo, ubwo bushake bwo kwiyunga butirimo. Iyo butahaba ntabwo nzi icyo twaba twubakiraho icyo ari cyo. Ntabwo rero dusinzirije, turahari, turakora. Kandi tukabona imbuto zabyo nko kuri Pasika, no kuri Noheli warabibonye, abakristu baraza, tukagira igaburo ry’Inkuru nziza tubagenera ngo bagaburire ubukristu bwabo.

Ibyabereye i Kibeho buriya, ni nacyo cyatumye byihuta mu kubyemeza muri Kiliziya. Ubusanzwe Kiliziya ikunda kurandaga. Ubutumwa bwa Kibeho aho bubera bwiza, ntabwo bwaje butwereka ibitangaza, ahubwo bwaje butubwira ngo :”Ni Muhinduke”. “Niba mudahindutse, murashira”. Aba mbere tukibibona, abantu bajyagayo ari benshi bakabyumva, ntabwo twabimenyaga. Ariko kuba byarabanjirije Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda, noneho tukaza kuyibona, tukabona wa Musaraba wo kuri 15 z’ukwezi kwa Munani, tukabona ya maraso, tukabona ya marira ya Bikira Mariya, byatwumvishije byinshi cyane. Abakristu bahumviye ukuntu Imana yacu iri hafi. Ikibazo, baravuga bat : “ko wumva yari ahari kuki atadukijije? Nyamara “ imikorere y’Imana si nkiy’abantu”. Si ukuvuga ko yaduteranye ahubwo yashatse kutwereka ko ituri hafi. Ibyo, hari Abanyarwanda benshi babyumvise, barabikora, babishyira mu bikorwa byabo. Natwe nka Kiliziya Gatolika tugomba kubyigisha, kandi bikatugeraho mu mimibereho, bikatugaragaraho mu mibanire yacu. Iyo niyo nyigisho yacu nkuru.

Murakoze.